



## AMABWIRIZA AGENGA SHAMPIYONA Y'IKICIRO CYA GATATU MU BAGABO 2024/2025.

Dushingiye ku ngingo ya 28 y'amategeko ngengamikorere n'ingingo ya 8 y'amabwiriza agenga amarushanwa ya FERWAFA yo ku wa 23/10/2020; Twemeje Amabwiriza akurikira:

### **IGICE CYA MBERE: INGINGO RUSANGE**

#### **Ingingo ya 1: Icyo aya mabwiriza agamije n'abo areba**

- 1.1. Aya mabwiriza agamije gushyiraho uburyo shampiyona y'ikiciro cya gatatu 2024-2025 (Muri ya mabwiriza shampiyona iritwa "Irushanwa") izahuza amakipe yo mu kiciro cya gatatu mu bagabo yiyanidikishije mu rwego rwo gushaka amakipe 2 azazamuka mu kiciro cya kabiri umwaka wa 2025-2026
- 1.2. Irushanwa ry'umwaka w'imikino wa 2024-2025 rizakinwa guhera tarikiya 02/11/2024 kugeza mu kwezi kwa 6/2025. Rikazitabirwa n'amakipe 36 yiyanidikishije mu buryo buteganywa n'amategeko. kandi akemererwa gukina shampiyona y'ikiciro cya gatatu umwaka wa 2024-2025.
- 1.3. Aya mabwiriza akaba azatangirwa akanasobanuriwa abo areba ku rwego rwa League

#### **Ingingo ya 2: Ibirebana n'abayobozi b'imikino (match official)**

Komisiyo ishinzwe imisifurire muri FERWAFA niyo izajya igena abasifuzi bayobora imikino mu gihe Ubunyamabanga Bukuru bwa FERWAFA aribwo bushinzwe gushyiraho ba komiseri b'imikino.

### **Ingingo ya 3: Amasaha imikino itangiriraho n'ibibuga**

- 3.1. Komisiyo Ishinzwe amarushanwa niyo ishyiraho ibibuga , amatariki n'amasaha umukino uberaho ikabimenesha Ubunyamabanga Bukuru bwa FERWAFA.
- 3.2. Haseguriwe ibimaze kuvugwa mu bika bibanziriza nta kipe yemerewe gusaba guhindura amasaha cyangwa itariki y'umukino yitwaje ibi bikurikira :Kuba ikipe ifite abakinnyi b' abanyeshuri batazagaragara ku mukino runaka kubera impamvu z' ishuri.
  - a. Kuba umukino w'ikipe nkuru wahuriranye n'uwikipe yayo y'abato.
  - b. Kuba umukino wayo wahuriranye n'imikino y'amashuri (Interscolaire)
  - c. Kuba ikipe yabuze imbangukiragutabara.

### **Ingingo ya 4: Gukurikiza amategeko agenga umukino (laws of the game)**

Amategeko y'umukino (laws of the game) azifashishwa mu irushanwa ni ayashyizweho n'inama nkuru y'ubutegetsi y'umupira w'amaguru (IFAB).

### **IGICE CYA KABIRI: IMITERERE, IMIGENDEKERE Y'IRUSHANWA N'ABAKINNYI BEMEREWE GUKINA**

### **Ingingo ya 5: Uburyo irushanwa rizakinwamo**

- 5.1. Amakipe azitabira irushanwa 2024-2025, ni amakipe azaba yahawe uruhushya (license) n'urwego rubifiyi ububasha hagendewe ku bisabwa by'ibanze kugirango amakipe ahabwe uburenganzira bwo kwitabira irushanwa bigaragaza ku mugereka wa mbere w'aya mabwiriza.
- 5.2. Irushanwa rizakinwa n'amakipe 35 ari muri leagues eshanu 5 : Umujiyi wa Kigali na Bugesera igizwe n'amakipe 11 agabanyijwemo amatsinda 2, Amajyaruguru igizwe n'amakipe 5, Amajyepfo agizwe n'amakipe 5 ,Uburasirazuba agizwe n'amakipe 10 agabanyijwemo amatsinda 2 n'Uburengerazuba bufite amakipe 4. Buri League hazazamukamo amakipe

abiri mu rwego rw'Igihugu buretse league Kigali mu itsinda irimo amakipe atandatuhazazamukamo amakipe 2 n'indi imwe izaba yatsinzwe neza (Best Loser) izava mu matsinda agizwe n'amakipe atanu.

### 5.3. Urutonde rw'amakipe yyiyandikishije

#### 1. LEAGUE KIGALI + BUGESERA

##### GROUP A:

NO	EQUIPE	EQUIPE
1	SKYLINE FC (BUGESERA)	FUTURE TEAM FC (KIGALI)
2	NYAMATA FC (BUGESERA)	SOARING EAGLES (KIGALI)
3	DON BOSCO FC ( KIGALI)	AMAHORO BUILDERS FC (KIGALI FC)
4	GUERPARDS FC (KIGALI)	UMULI FC (KIGALI)
5	RAPID FC(BUGESERA)	YELLOW STARS (KIGALI)
6		FUTURES GENERATION (KIGALI)

##### GROUP B :

#### 2. LEAGUE EAST

##### GROUP A:

NO	EQUIPE	EQUIPE
1	INYANGE FC (GATSIBO)	NASHO FC (KIREHE)
2	UMUTARA FC (NYAGATARE)	KAZO FC (NGOMA)
3	IRAKENEWE FC (KARANGAZI)	RHINOS FC (KAYONZA/RWINKWAVU)
4	CLASSIC FC (RWAMAGANA)	KABARE FC (KAYONZA/RWINKWAVU)
5	BRIGHT RAYS (GATSIBO)	INDAHANGERWA FC(KAYONZA)

##### GROUP B:

#### 3. LEAGUE NORD

NO	EQUIPE
1	MUSANZE YOUTH TC
2	KISALO FC
3	MUHISIMBI FC
4	NYABIHU YOUNG BOYS
5	HOPE FC

#### 4. LEAGUE SOUTH

NO	EQUIPE
1	AS HUYE( HUYE)
2	BRIGHT SOCCER (RUHANGO)
3	KG RIDERS (RUHANGO)
4	THE WINNERS FC (MUHANGA)
5	AS KAMONYI FC

#### 5. LEAGUE OUEST



NO	EQUIPE
1	MUGANZA FC (RUSIZI)
2	NYAMASHEKE FC (NYAMASHEKE)
3	ESPOIRE FC (RUSIZI)
4	EJOHEZA FC (RUSIZI)

### **Ingingo ya 6: Abakinnyi n'umubare w'abasimbura wemewe**

- 6.1. Abakinnyi bazakina iri rushanwa ni abafite impushya zibemerera gukina muri shampiyona y'umwaka wa 2024-2025 bahawe na FERWAFA.
- 6.2. Umubare w'abakinnyi bashyirwa ku rupapuro rw'umukino (feuille de match) ni makumyabiri (20).
- 6.3. Umubare w'abasimbura wemewe mu mukino ni abakinnyi batanu (5). Buri kipe yemerewe gusimbuza inshuro zitarenze 3 mu gihe cy'umukino hatabariwemo igihe ikipte ihisemo gusimbuza mu gihe cy'akaruhuko k'igice cya mbere ( half-time). Igihe amakipe yombi asimburije icyarimwe mu gihe cy'umukino , iyo nshuro izabarwa mu nshuro 3 zavuzwe haruguru buri kipe yemerewe.
- 6.4. Buri ekipe yemerewe kwandikisha ku rutonde abakinnyi batarenze 30 mu mwaka w'umukino wose bandikishwa mu gihe cyagenwe

### **Ingingo ya 7: Umubare w'abakinnyi b'abanyamahanga wemewe**

- 7.1. Ikipte yemerewe gukinisha umubare w'abanyamahanga batatu bari kuri rupapuro rw'umukino (Feuille de match) rw'abakinnyi 20 nk'uko biteganywa n'amabwiriza agenga amarushanwa muri FERWAFA.
- 7.2. Umukinnyi ufile sitati y''ubuhunzi ntabwo abarwa nk'umukinnyi w'Umunyamahanga.

### **Ingingo ya 8 : Ibigenderwaho kugira ngo ikipte ikomeze mu cyiciro gikurikira**

- 8.1. Ku nshuro ya mbere, amakipe 12 azaba yazamutse mu rwego rw'Ighugu komisiyo yamarushanwa n'ijo izagena uko ayo makipe azakina.



- 8.2. Mu gihe amakipe yombi anganya ibitego yatsinze mu mukino wo gusura (away goals) cyangwa yaguye miswi mu mikino ibiri hazitabazwa penaliti (Tirs au buts) hagendewe ku mategeko agenga umukino (laws of the game).
- 8.3. Mu gihe ikipe cyangwa amakipe yatsindiye kuzamuka mu kiciro cya kabiri yanze kuzamuka muri icyo kiciro hazakurikizwa ibiteganywa n'ingingo ya 10 y'amabwiriza agenga amarushanwa muri FERWAFA.

### **Ingingo ya 9: Imyambaro**

Ikipe yasuye igomba kwitwaza imyambaro ibiri idahuje amabara mu rwego two kwirinda guhuza ibara n'ikipe yasuwe. (Ikipe nizimara kubona uruhushya two kwitabira irushanwa zizohereza amabara y' imyambaro ba mbara bakiriye n'iyo bambara basohotse.

### **Ingingo ya 10 : Ibibuga n'amasaha**

- 10.1. Imikino izajya ibera ku bibuga byemewe hakurikijwe amategeko abigenga ya FERWAFA.
- 10.2. Buri kipe igomba kugaragaza ikibuga izajya ikiniraho imikino yayo kugira ngo kigenzurwe niba cyujuje ibisabwa na Komisiyo ishinzwe amarushanwa ifatanyije n'Ubunyamabanga bukur bwa FERWAFA mu gihe cyagenwe.
- 10.3. Nta kipe yemerewe guhindura ikibuga hagati mu mwaka w'imikino, icyakora, Ubunyamabanga bukur bwa FERWAFA bushobora guhindura amasaha cyangwa ikibuga umukino uberaho hashingiwe ku biteganywa n'amabwiriza agenga amarushanwa bikamenyeshwa komisiyo ishinzwe amarushanwa.
- 10.4. Amakipe agomba kugera ku kibuga kiberaho umukino nibura isaha imwe n'igice mbere y'isaha yagenwe y'umukino.
- 10.5. Ikipe irengeje iminota 30 ku y'isaha yagenwe y'umukino itaragera ku kibuga izajya iterwa mpaga y'ibitego bitatu ku busa inacibwe amande y'ubukerewe ateganyijwe mu mbonera hamwe y'ibihano.
- 10.6. Ikipe bigaragaye ko ikibuga cyayo cyangiritse yihanangirizwa mu nyandiko. Iyo ibi bibaye inshuro ebyiri igenerwa ibihano bikubiye mu mbonerahamwe iri mu ngingo ya 20. Iyo ibi bibaye inshuro eshatu zikurikiranya ikipe iterwa mpaga ikanategekwa gushaka ikindi kibuga yakiriraho imikino.



- 10.7. Ikipe yambuwe uburenganzira bwo kwakirira ku kibuga kubera ko cyangiritse yongera kubuhabwa na FERWAFA nyuma y'uko iyo kipe yanditse isaba ko ikibuga cyayo cyongera kugenzurwa.
- 10.8. Iyo ikipte ikoze amakosa yavuzwe mu bika bibanza by'iyi ngingo , inshuro eshatu (3) ihita ikurwa mu irushanwa ry'uwo mwaka. iyo igarutse mu mwaka w'imikino ukurikiyeho ihera mu kiciro cyo hasi.

### **Iningo ya 11 : Umutekano, imbangukiragutabara no kutagera ku kibuga**

- 11.1. Ibijyanye no gucunga umutekano ku bibuga bireba mbere na mbere ikipte yakiriye umukino. Ubunyamabanga Bukuru bwa FERWAFA bufite inshingano zo kumenyesha amakipe ibisabwa mu rwego rw'emicungire y'umutekano ku bibuga no gukurikirana ko yubahirizwa.
- 11.2. Ikipte yakiriye (Home Team) itazanye Imbangukiragutabara (Ambulance) icibwa Ihazabu y'ibihumbi 300,000 Frw.
- 11.3. Ikipte Yakiriye umukino ikazana Imbangukiragutabara (Ambulance) idafite ibikoresho,iterwa mpaga kuri uwo mukino yakiriye,ikanishyura Ihazabu y'ibihumbi 200.000 Frw.
- 11.4. Iyo ayo makosa iyakoze inshuro 3 ihita ikurwa mu irushanwa ry'uwo mwaka. Iyo kipe igarutse mu irushanwa mu mwaka w'imikino ukurikiyeho ihera mu kiciro cyo hasi y'ibindi . Iyo kidahari ihita ihagarikwa umwaka 1 ititabira Amarushanwa yose ategurwa na FERWAFA.
- 11.5. Ikipte iterwa mpaga kuko itageze ku kibuga (yaba yasuwe cyangwa yasuye) itabimenesheje FERWAFA icibwa ihazabu y'amafaranga miliyoni imwe (1.000.000 Frw) ikaba itazemererwa gukina umukino ukurikira itarishyura

### **Iningo ya 12: Guhagarika umukino**

Mu gihe umukino uhagaze bitewe n'impamvu zigoye kwigobotora (cas de force majeur) hazakurikizwa amabwiriza agenga amarushanwa muri FERWAFA.

### **Ingingo ya 13 : Gusezera mu irushanwa**

- 13.1. Ikipe yifuza gusezera mu irushanwa igomba kubimenyesha Ubunyamabanga Bukuru bwa FERWAFA nibura iminsi 7 mbere y'uko irushanwa ritangira. FERWAFA ifite uburenganzira bwo kugena ikipe isimbura iyasezeye mu irushanwa.
- 13.2. Ikipe yasezeye mbere y'uko irushanwa ritangira cyangwa nyuma y'uko irushanwa ritangiye icibwa ihazabu rigenwa na Komisiyo ishinzwe amarushanwa muri FERWAFA bitabujije ko ishobora gufatiwa ibindibihano na Komisiyo ishinzwe imyitwarire hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko n'amabwiriza bya FERWAFA.

### **IGICE CYA NYUMA: INGINGO ZISOZA**

#### **Ingingo ya 14: Ibodateganyijwe muri aya amabwiriza**

Ibodateganyijwe muri aya mabwiriza hazitabazwa amabwiriza agenga amarushanwa ya FERWAFA, CAF na FIFA.

**N.B:** Imbangukira gutabara(Ambulance) ni itegeko mu irushanwa ry'ikiciro cya gatatu.

Bikorewe i Kigali, ku wa 31/12/2024.

  
MUNYANTWALI ALPHONSE

Perezida



## **UMUGEREKA WA I: IMBONERAHAMWE IGARAGAZA AMAKOSA N'IBIHANO**

Haseguriwe amakosa n'ibihano biteganyijwe mu mabwiriza agenga amarushanwa ya FERWAFA yo ku wa 23/11/2024, uru ni rutowe rw'amakosa n'ibihano:

<b>NO</b>	<b>IKOSA</b>	<b>D1 MEN</b>	<b>D2&amp;D3 MEN</b>	<b>D1 WOMEN</b>	<b>D2 WOMEN</b>
1	Ikarita imwe y'Umuhondo	5,000f	1,000 Frw	1,000 Frw	1,000 Frw
2	Amakarita abiri y'umuhondo mu mukino umwe	20,000f	2,000 Frw	2,000 Frw	2,000 Frw
3	Ikarita y'umutuku	50,000f	5,000 Frw	5,000 Frw	5,000 Frw
4	Ikarita y'umutuku (indiscipline)	100,000f	10,000 Frw	10,000 Frw	10,000 Frw
5	Gukererwa kugera ku kibuga	100,000f	50,000 Frw	50,000 Frw	50,000 Frw
6	Guterwa mpaga (wasuye cg wasuwe)	1,000,000f	1,000,000 Frw	1,000,000 Frw	1,000,000 Frw
7	Kutazana Ambulance ku Kibuga	500,000f	150,000 Frw	300,000 Frw	300,000 Frw
8	Kuzana Ambulance idafite ibikoresho	300,000f	100,000 Frw	200,000 Frw	200,000 Frw